REPUBULIKA Y'U RWANDA

INTARA Y'IBURASIRAZUBA
AKARERE KA GATSIBO
gatsibo.district@gmail.com

# IGITABO GIKUBIYEMO IMIRONGO NGENDERWAHO MU GUTANGA SERIVISI ZINOGEYE ABATURAGE



*Gatsibo, 2013*

**IRIBURIRO**

U Rwanda, nk'igihugu kigendera ku mategeko kandi cyimakaza politiki y'imiyoborere myiza, rwihaye umurongo mwiza wo gutanga serivisi zinoze haba mu nzego za Leta ndetse n'izigenga. Ni muri urwo rwego Akarere ka Gatsibo kiyemeje gushyira mu bikorwa iryo hame ryiza maze gategura iki gitabo kigamije kumenyesha abagatuye n'abakagana bashaka serivisi, imirongo ngenderwaho mu kuzisaba no kuzihabwa nta mananiza.

Iki gitabo cyerekana neza serivisi zitagirwa ku rwego rw'Akarere, Umurenge n'Akagari; ibisabwa kugira ngo uzibone , abagomba kuzitanga n'inzego ziyambazwa iyo serivisi yatanzwe itanogeye uwayihawe.

Gushyiraho iki gitabo birerekana ubushake bw'Ubuyobozi bwo gukorera ababugana hagamijwe ko basobanukirwa neza serivisi bahabwa ndetse bakanafasha kuvugurura imikorere .

## I. INSHINGANO Z'AKARERE

Akarere gacungwa kandi kagatanga serivisi hashingiwe ku Itegeko no **08/2006** ryo ku wa **24/2/2006** rigena imiterere, imitunganirize n'imikorere y'Akarere . Akarere gafite inshingano zo guteza imbere imibereho myiza y'abagatuye hakoreshejwe ubufatanye bwabo mu igenamigambi no mu gushyira mu bikorwa gahunda zerekeranye no guteza imbere ubuyobozi bwiza, uburezi kuri bose, ubuhinzi, ubworozi, kubungabunga ibidukikije, ubucuruzi, ibikorwa remezo n'ubukerarugendo n'ibindi.

## II. ICYEREKEZO CY'AKARERE

Kwimakaza imiyoborere myiza hagamijwe guteza imbere imibereho n'iterambere by'abagaturage kandi babigizemo uruhare.

## III. INDANGAGACIRO

Inshingano za buri munsi z'Akarere zishingiye ku ndangagaciro zikurikira: kutabogama, gukorera mu mucyo, kunoza ibyo dukora,gukorera ku gihe, kugeza ku batugana amakuru nyayo n'ibyo bakeneye kumenya kuri serivisi dushinzwe kubagezaho, kwakira neza abatugana, kwemera kunengwa no kugirwa inama,.

## IV. IMITERERE Y'AKARERE KA GATSIBO

Akarere ka Gatsibo kagizwe n'imirenge **14**, utugari **69** n'imidugudu **603**. Gafite ubuso bugera kuri 1585.3 Km2 . Ku rwego rw'Akarere ,Umurege n'Akagari hari inama njyanama ari na rwo rwego rukuru ruhagarariye abaturage kandi rugatorwa nabo.kuri buri rwego muri izi zivuzwe haruguru hari kandi ikipi y'abatekinisiye bashinzwe gutanga serivisi umunsi k'uwundi. Urwego rw'Umudugudu rwo rushinzwe gusa ubukangurambaga mu baturage kuri gahunda za Leta.

## V. IBISABWA ABAGANA AKARERE:

Muri rusange abagana Akarere barasabwa kubahiriza amategeko ajyanye na serivisi bakeneye no kwirinda kugusha mu makosa abo bakeneyeho serivisi

Abagana Akarere bafite uburenganzira bwo gusaba kurenganurwa igihe bibaye ngombwa, gutanga ibitekerezo bigamije gukosora ibitagenda neza cyangwa gushima babinyujije kuri aderesi zikurikira:

- agasanduku k''iposita **( B.P.) 36 Nyagatare**
- telefoni itishyurwa**: 3380**
- email**: gatsibo.district@gatsibo.gov.rw**
  **gatsibo.district@gmail.com**
- urubuga: **www.gatsibo.gov.rw**

## VI. IVUGURURWA RY'IKI GITABO

Iki gitabo kizavugururwa igihe cyose bibaye ngombwa hakurikijwe amategeko agena imiterere n'imitunganyirize y'inzego z'imiyoborere y'Igihugu.

## *SERIVISI ZIHABWA ABATURAGE KU RWEGO RW'AKARERE*

| No. | **Serivisi** | **Ibisabwa kugira ngo itangwe** | **Igihe ntarengwa** | **Ubishinzwe** | **Uburyo amenyesha ko atishimiye serivisi** |
|---|---|---|---|---|---|
| 1. | Gusaba gusubizwa amafaranga y'ikirenga ku musoro | • Ibaruwa ibisaba yandikiwe Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Akarere ;<br>• Impapuro za banki zigaragaza ko wishyuye uwo musoro. | Mu gihe cy'iminsi irindwi mu gihe yujuje ibisabwa | Ishami rishinzwe kwinjiza imisoro n'amahoro | Kwandikira Umuyobozi w'Akarere |
| 2. | Gusaba ikibanza cyo gucururizamo mu isoko | • Umuntu wese wifuza kubona ikibanza cyo gucururizamo mu isoko agomba kubiherwa uruhushya n'Abayobozi b'Akarere babifitiye ububasha. Mu masoko mashya, 20% y'ibibanza bihabwa abaturage bafite ubushobozi bucye. 80% bisigaye bitangwa mu buryo bwa tombora. Iyo hari ibibanza bidafite ababikoreramo, bimenyeshwa abaturage ababikeneye bakandika babisaba. Ababisabye babihabwa mu buryo bwa tombora.<br>• Mu gihe mu isoko hari ikibanza kidafite ugikoreramo bimenyeshwa abaturage hakoreshejwe amatangazo mu bitangazamakuru binyuranye. Ayo matangazo amanikwa kandi ahabugenewe ku biro by'Akarere n'Umurenge. • Uwifuza icyo kibanza yiyandikisha ku mukozi | Ukwezi kumwe | Ishami rishinzwe kwinjiza imisoro n'amahoro | Kwandikira Umuyobozi w'Akarere |

| | | | | | |
|---|---|---|---|---|---|
| | | ushinzwe Ibaruramutungo mu Murenge cyangwa akiyandikisha mu Ishami ry'Imari mu Karere. • Uwiyandikishije amenyeshwa umunsi wo gutanga ibibanza. • Itangwa ry'ibibanza rikorwa mu buryo bwa tombola. Urutonde rw'abahawe ibibanza rumanikwa ahagenewe amatangazo ku Karere. | | | |
| 3. | Gusaba igitabo gikubiyemo ibisabwa mu rwego rw'amasoko y' ibikoresho na serivisi ubwoko | • Kuzana gitansi yishyuriyeho amafaranga igitabo kigura agaragara mu itangazo rimenyekanisha isoko | Mu gihe cy'umunsi umwe | Ishami rishinzwe amasoko mu Karere | Kwandikira Umuyobozi w'Akarere usaba guhabwa igisubizo |
| 4. | Gutegura amasezerano y'isoko (kontaro) | Kuzana ingwate yo kurangiza neza imirimo ku ijanisha yamenyeshejwe mu ibaruwa ya burundu imwemerera isoko | Umunsi umwe | Ishami rishinzwe amasoko mu Karere | Kwandikira Umuyobozi w'Akarere usaba guhabwa igisubizo |
| 5. | Gutegura DAO | Serivisi y'Akarere yifuza yuko hatangwa isoko izana technical specifications/terms of references | Iminsi ine | Ishami rishinzwe amasoko mu Karere | Kwandikira Umuyobozi w'Akarere usaba guhabwa igisubizo |
| 6. | Gutegura ibyemezo byokurangiza neza imirimo | Ibaruwa yandikiwe Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Akarere yometseho inyandiko yerekana yuko imirimo yarangiye | Umunsi umwe | Ishami rishinzwe amasoko mu Karere | Kwandikira Umuyobozi w'Akarere usaba guhabwa igisubizo |
| 7. | Gusaba kwishyurwa serivisi ba rwiyemezamirimo bakoreye Akarere | • Inyandiko y'uwatanze serivisi isaba kwishyurwa yometsweho ibi bikurikira:<br>• Amasezerano yerekeranye n'itangwa rya serivisi<br>• Raporo y'igenzura ry'uko serivisi yatanzwe<br>• Inyandiko isaba itangwa rya serivisi, | Mu gihe cy'iminsi irindwi mu gihe yujuje ibisabwa | Ishami rishinzwe imali ku Karere | Kwandikira Umuyobozi w'Akarere usaba guhabwa igisubizo |

| | | | | | |
|---|---|---|---|---|---|
| | | • Ibaruwa imenyesha uwatsindiye isoko,<br>• Icyemezo kigaragaza ko uwatsinsidiye isoko ryo gutanga serivisi yiyemeje kuzarirangiza | | | |
| 8. | Gusaba gushyira umukono ku masezerano y'ubugure | • Amafaranga yo kwishyura serivisi zitangwa na Noteri, yishyurwa kuri banki bakaguha inyandiko igaragaza ubwishyu<br>• Amasezerano y'umwimerere<br>• Inyandiko isobanura neza icyaguzwe<br>• Ugurisha, ugura n'abagabo babiri, umwe kuri buri ruhande; iyo ari umutungo w'umuryango ugurishwa, bohereza abagabo babiri bahagarariye umuryango. | Bitarenze iminsi ibiri | Notaire w'Akarere / Notaire w'ubutaka ku bugure kubijyanye n'ubutaka | Kwandikira Umuyobozi w'Akarere usaba guhabwa igisubizo |
| 9. | Gusaba gushyira umukono ku masezerano y'inguzanyo yatanzwe na banki | • Amafaranga yo kwishyura serivisi zitangwa na Noteri, yishyurwa kuri banki, Umuturage akitwaza inyemezabwishyu;<br>• Amasezerano y'umwimerere yerekana imiterere y'inguzanyo | Bitarenze iminsi ibiri | Notaire w'Akarere | Kwandikira Umuyobozi w'Akarere usaba guhabwa igisubizo |
| 10. | Gusaba gushyira umukono kuri stati y'amashyirahamwe, amakoperative n'imiryango itegamiye kuri Leta | • Kugaragaza inyemezabwishyu;<br>• Inyandiko z'umwimerere z'amategeko ngenga (Sitati)<br>• Abanyamuryango shingiro kuba bahari kandi bafite ibibaranga;<br>• Inyandiko-mvugo z'inama zashyizeho ishyirahamwe | Bitarenze iminsi itatu | Notaire w'Akarere | Kwandikira Umuyobozi w'Akarere usaba guhabwa igisubizo |
| 11. | Gushyira Umukono Wa Noteri Ku Bindi Byangobwa | • Umuntu wese ufite Impapuro z'agaciro: Impapuro zitangwa na Muganga, Icyemezo cy'amavuko, Uruhushya rwo gutwara ibinyabiziga, Icyemezo cy'Ubutumwa | Servisi ishobora gutanwa ako kanya ariko ku nyandiko | Notaire w'Akarere | Kwandikira Umuyobozi w'Akarere usaba guhabwa igisubizo |

| | | | | | |
|---|---|---|---|---|---|
| | | (procuration), Indangamuntu, Urupapuro rw'abajya mu mahanga, inyandiko z'irage n'izindi bashobora kushyirisha umukono wa Noteri kuri kopi zazo. | z'irage biterwa n'igihe byafashe kugira ngo abo bireba bashyireho umukono. | | |
| 12. | Gusaba uruhushya rwo gucukura amabuye y'agaciro cyangwa kariyeri | • Ibaruwa ibisaba yandikiwe Umuyobozi w'Akarere binyujijwe ku Munyamabanga Nshingwabikorwa w'Umurenge<br>• Ikarita yerekana imiterere y'ahazacukurwa<br>• Inyandiko isobanura imiterere y'umushinga<br>• Inyigo yakozwe ku ngaruka ibikorwa byagira ku bidukikije (Environmental Impact Assessment Certificate) ku bikorwa by'imishinga bizakorwa ku buso butarengeje hegitari imwe<br>• Icyemezo cy'uko ikigo kizacukura cyemewe n'amategeko ;<br>• Inyemezabwishyu y'uruhushya rwo gucukura | Bitarenze iminsi 7 mu gihe yujuje ibyangombwa | One stop center/Ishami rishinzwe ibidukikije ku Karere | Kwandikira Guverineri |
| 13. | Gusaba uruhushya rwo gushyira ibyapa byamamaza n'ibimenyetso ndangahantu | • Kwandikira Umuyobozi w'Akarere ibaruwa ibisaba yerekana intego yo kwamamaza cyangwa kuranga, ubwoko bw'icyapa cyamamaza cyangwa ikimenyetso ndangahantu kizakoreshwa (igisanzwe cyangwa igikoreshwa n'amashanyarazi), aho kizashyirwa n'uko kizaba kingana;<br>• Kwishyura amafaranga y'ubukode kuri konti y'akarere muri banki yagenewe imisoro;<br>• Kugeza ibaruwa isaba aho bakirira amabaruwa mu karere;<br>• Kumvikana n'umukozi w'akarere | Bitarenze iminsi irindwi mu gihe yujuje ibyangombwa | One stop center/Ishami rishinzwe ibikorwa remezo | Kwandikira Guverineri |

| | | | | | |
|---|---|---|---|---|---|
| | | ubishinzwe kuri gahunda yo kugenzura aho igikorwa kizashyirwa;<br>• Kugaruka gufata aho watanze dosiye yawe igisubizo nyuma y'ibyumweru bibiri kureba niba warahawe uruhushya;<br>• Ingano y'ahazashyirwa ibyapa byamamaza cyangwa ibimenyetso ndangahantu;<br>• Amafaranga y'ubukode yishyurwa kuri konti iri muri banki nyuma yo kwemererwa. | | | |
| 14. 9. | Gusaba uruhushya rwo gukodesha ubutaka by'igihe kirekire | • Kwandikira umuyobobozi w'Akarere ibaruwa ibisaba igaragaza aho ubutaka ushaka gukodesha buri, ingano yabwo yometseho inyigo isesenguye y'igikorwa kizahakorerwa, kopi y'irangamuntu, amafoto abiri magufi, ukayigeza aho bakiririra amabaruwa ku Karere.<br>• Kubarisha ku mukozi ushinzwe ubutaka amafaranga y'ubukode cyangwa y'imisoro igomba kwishyurwa. | Iyi serivisi itangwa bitarenze iminsi mirongo itatu (30) iyo yujuje ibisabwa cyangwa agasabwa kuzuza ibibura muri dosiye ye | One stop center/Ishami rishinzwe ibiro by'ubutaka ku karere | Kwandikira Umuyobozi w'Akarere usaba guhabwa igisubizo |
| 15. | Kwandikisha ubutaka no gusaba icyemezo cy'ikibanza (fiche cadastrale) | • Kwandikira Umuyobozi w'Akarere ibaruwa isaba guterwa imbago, yerekana aho ikibanza giherereye n'uko kingana.<br>• Umukozi ushinzwe ubutaka akaguha gahunda y'igihe azazira kugenzura imiterere y'ikibanza.<br>• Kujya kwishyura kuri banki amafaranga ya ngombwa yo gutera imbago<br>• Ku munsi w'igenzura ry'ikibanza, abaturanyi/abafite ubutaka mwegeranye bagomba kuba bahari. Nyuma y'ipimwa ry'ikibanza imbago zihita ziterwa | Iyi serivisi itangwa bitarenze iminsi cumi n'itanu (15) | One stop center/Ishami rishinzwe ibiro by'ubutaka ku karere | Kwandikira Umuyobozi w'Akarere usaba guhabwa igisubizo |

| | | | | | |
|---|---|---|---|---|---|
| | | n'imiterere yacyo igashushanywa<br>• Umukozi ushinzwe ubutaka akora raporo izakoreshwa mukwemeza imiterere y'ikibanza<br>• Icyemezo cy'ikibanza ubundi cyemezwa mu minsi irindwi uhereye igihe ibyangombwa byose harimo n'ubwishyu byamaze gutangwa.<br>• Serivisi yishyurwa amafaranga agenwa n'itegeko<br>• N'inyandiko y'ubugure cyangwa icyemezo cy'umurage iyo wabirazwe, cyangwa ikindi cyemezo cyose kerekana ko umutungo ari uwawe gitanzwe n'Umurenge<br>• Kopi y'irangamuntu n'icyemezo cy'uko washatse cyangwa uri ingaragu. | | | |
| 16. | Kwegurira undi muntu umutungo utimukanwa | Iyo ushaka kwegurira undi muntu umutungo ugomba:<br>• Kwandikira ibaruwa ibisaba Umuyobozi w'Akarere;<br>• Kugaragaza Amasezerano y'ubugure yashyizweho umukono n'impande zombie;<br>• Ibyemezo by'umutungo by'umwimerere;<br>• Kugeza mu biro by'umukozi ushinzwe kwacyira amabaruwa mu Karere ibaruwa isaba yometseho amaserano y'ubugure cyangwa inyandiko yerekana ko wahawe umutungo biriho umukono wa noteri,<br>• Raporo y'isuzumwa ry'umutungo yakozwe n'Akarere n'inyemezabwishyu y'amafaranga asabwa. | Mu minsi 15 | One stop center/Ishami rishinzwe ibiro by'ubutaka ku karere | Kwandikira Umuyobozi w'Akarere usaba guhabwa igisubizo |

| | | | | | |
|---|---|---|---|---|---|
| 17. | Gusaba uburenganzira bwo kubaka inzu | • Kwandikira Umuyobozi w'Akarere ibaruwa isaba yerekana imiterere y'inzu igomba kubakwa, Umurenge, Akagari n'Umudugudu izaba irimo ukayigeza mu biro ushinze ubutaka.<br>• Umukozi ushinzwe ubutaka afatanyije n'ushinzwe ibikorwaremezo akora gahunda yo gusura ahazubakwa.<br>• Kujya ku mucungamari w'Akarere akakubarira amafaranga agomba kwishyurwa (hashingiwe ku buso w'ikibanza cyizubakwaho no ku giciro kuri metero kare nk'uko cyemejwe n'inama njyanama y'akarere).<br>• Kwishyura muri banki amafaranga asabwa abarwa n'umukozi ubishinzwe ku Karere Kugeza izo impapuro zose harimo n'inyemezabwishyu y'amafaranga agomba kwishyurwa aho bakirira amabaruwa mu karere | Iyi serivisi ntirenza iminsi mirongo itatu (30) | One stop Center/Ishami rishinzwe ibikorwa remezo | Kwandikira Umuyobozi w'Akarere usaba igisubizo |
| 18. | Gusaba gushyirirwaho bornes(imbibi) | •Ibaruwa isaba yandikiwe umuyobozi w'Akarere yerekana imiterere y'aho wifuza ko baguterera imbago;<br><br>• •Fiche Cadastrale igaragaza neza imbibe ndetse n'Urwandiko rutangwa n'Urwego rw'Umurenge rugaragaza uburyo niba hari hari ikibazo hagati y'abaturanyi cyakemutse<br>•gusaba gutererwa amabornes bikorwa mu buryo bukurikira: Guhabwa icyemezo n'ubuyobozi bw'ibanze cyerekana ko nta manza ziri ku kibanza cyangwa ubutaka wifuza guteza Bornes.<br>•Kwandikira Umuyobozi w'Akarere ibaruwa | Iyi serivisi ntirenza iminsi mirongo itatu (30) | One stop Center/ Ishami rishinzwe ibiro by'ubutaka ku karere | Kwandikira Umuyobozi w'Akarere usaba igisubizo |

| | | | | | |
|---|---|---|---|---|---|
| | | ibisaba iherekejwe n'ibyangombwa byavuzwe haruguru, byose bikagezwa mu biro by'ushinzwe kwakira amabaruwa mu karere. •Byoherezwa mu Biro by'ubutaka kugira ngo hakorwe igenzura n'umukozi ubishinzwe.<br>• • Nyuma y'iminsi irindwi (7) uhereye igihe igenzura ryakorewe hakabaho igikorwa nyir'izina cyangwa uwanditse agasubiza ahakanirwa bitewe n'ibyavuye muri ya Raport de visite iba yakozwe mbere. | | | |
| 19. | Gusaba uburenganzira bwo gufatira hamwe umuriro w'amashanyarazi | • Ibaruwa ibisaba • urutonde rw'abifuza umuriro mu gace • Ikarita yerekana imiterere y'agace kazashyirwamo umuriro<br>Itsinda ry'abantu bifuza gubona umuriro w'amashanyarazi, bitoramo ubahagarariye ufite inshingano zikurikira: • Gukora urutonde rw'abifuzaguhabwa umuriro w'amashanyarazi • Gukora igishushanyo cy'agace kazashyirwamo umuriro herekanwa ahaharereye amazu y'abifuza guhabwa umuriro w'amashanyarazi • Kwandikira ibaruwa isaba umuyobozi w'Akarere iherekejwe n'urutonde rw'abifuza umuriro w'amashanyarazi hamwe n'igishushanyo kerekana imiterere y'agace kazashyiramo muriro ikagezwa mu biro bishinzwe kwacyira amabaruwa cyangwa umukozi ushinzwe guhuza inzego n'abantu ku karere • Kugaruka gufata igisubizo aho washize idosiye ku karere nyuma y'iminsi ibiri (2) • Gushyikiriza ibaruwa ikwemerera wahawe n'Akarere ikigo cy'igihugu gishinzwe amashanyarazi mu gace mutuyemo. Muri iki gihe usabwa kubahiriza ibisabwa n'ikigo gishinzwe amashanyarazi kugira ngo uhabwe umuriro w'amashanyarazi. | Iyi serivisi ntirenza iminsi cumi n'itanu (15) | One stop Center/Ishami rishinzwe ibikorwa remezo | Kwandikira Umuyobozi w'Akarere usaba igisubizo |

| | | | | | |
|---|---|---|---|---|---|
| 20. | Gusaba uruhushya rwo kubaka umunara w'itumanaho | • Urwandiko rwandikiwe Umuyobozi w'Akarere rusaba kumanika umunara rugaragaza aho yifuza kuwumanika (Umurenge, Akagari, Umudugudu);<br>• Amasezerano y'ubugure cyangwa ay'ubukode bw'ahazubakwa<br>• Icyemezo cy'ubutaka<br>• Igishushanyo cyerekana imiterere y'ahazubakwa ;<br>• Kubarisha amafaranga asabwa ku mwakirizi w'imisoro n'amahoro no ku garagaza inyemezabwishyu | Iyi serivisi ntirenza iminsi irindwi (7) | One stop center/Ishami rishinzwe ibikorwa remezo ku karere | Kwandikira Guverineri |
| 21. | Uruhushya rwo gukorera mu nyubako nshya | • Ibaruwa isaba uruhushya yandikirwa Umuyobozi w'Akarere agaragaza ko inyubako yujuje ibisabwa;<br>• Kubarisha amafaranga asabwa ku mwakirizi w'imisoro n'amahoro no ku garagaza inyemezabwishyu | Iyi serivisi ntirenza iminsi 15 | One stop center/Ishami rishinzwe ubutaka | Kwandikira Guverineri usaba guhabwa igisubizo |
| 22. | Icyemezo cyo kwimura amatungo | • Kwandikira Umuyobozi w'Akarere usaba icyemezo cyo kwimura amatungo;<br>• Kugaragaza inyemezabwishyu;<br>• Kugaragaza icyangombwa cy'uko ayo amatungo ari mazima; | Bitarenze iminsi cumi n'itanu (15) | Umukozi ushinzwe ubworozi ku Karere | Kwandikira Guverineri usaba guhabwa igisubizo |
| 23. | Gusaba uruhushya rwo gufungura ikigo cy'amashuri | • Ibaruwa ibisaba yandikiwe Umuyobozi w'Akarere<br>• Igishushanyombonera cy'inyubako y'ishuri;<br>• Inyandiko y'umushinga;<br>• Ibigo by'amashuri bishingwa hashingiwe ku biteganywa n'Iteka rya Perezida WA | Iyi serivisi itangwa mu gihe kitarenze iminsi mirongo itatu (30) iyo yujuje ibisabwa | Ishami rishinzwe uburezi ku Karere | Kwandikira Guverineri w'Intara |

| | | | | | |
|---|---|---|---|---|---|
| | | Repubulika n° 48/01 ryo kuwa 10/08/2009. | cyangwa akamenyeshwa ibyo agomba kuzuza. | | |
| 24. | Gusaba guhindurirwa ikigo cy'ishuri | • Ibaruwa isaba guhindurirwa ikigo iriho umukono w'umuyobozi w'ikigo usaba kwimurirwaho ugaragaza ko muri icyo kigo hari umwanya;<br>• Kopi y'indangamanota wavanye ku kigo usanzwe wigamo;<br>• Icyemezo cy'imyitwarire myiza uvana ku kigo wigagaho | Iyi serivisi itangwa mu gihe kitarenze iminsi cumi n'itanu (15) | Ishami rishinzwe uburezi ku Karere | Kwandikira Guverineri w'Intara usaba guhabwa igisubizo |
| 25. | Gusaba ubutaka bwo kubakaho ikigo cy'amashuri yigenga | • Ibaruwa ibisaba yandikiwe umuyobozi w'Akarere<br>• Inyandiko y'umushinga<br>• Igishushanyo mbonera cy'ikigo cy'ishuri<br>• Gusura no kugena ikibanza mugihe ari ngombwa kubufatanye bw'Umukozi ushinzwe Imiturire mu karere. | Gutanga igisubizo mu minsi itarenze mirongo icyenda (90) ku va dosiye yakiriwe. | Ishami rishinzwe uburezi ku Karere rifatanyije na one stop Center /ishami rishinzwe ubuta,ka | Kwandikira Guverineri w'Intara usaba guhabwa igisubizo |
| 26. | Uburenganzira bwo gukoresha amarushanwa ya siporo ku rwego rw'Akarere | • Kwandika ibaruwa ibisaba yandikiwe Umuyobozi w'Akarere<br>• Gushyira ku mugereka w'iyi baruwa gahunda irambuye y'amarushanwa | Iyi serivisi itangwa mu gihe kitarenze iminsi irindwi | Ishami rishinzwe urubyiruko, umuco na siporo | Kwandikira Guverineri w'Intara usaba guhabwa igisubizo |
| 27. | Gusaba kwemererwa gukora ubuvuzi bwa gakondo | Kugirango umuntu yemererwe gukora Ubuvuzi Gakondo agomba:<br>• Ibaruwa ibisaba yandikiwe Minisitiri ufite ubuzima mu nshingano ze binyujijwe ku Muyobozi w'Akarere by'aho yifuza gukorera; | Nyuma y'iminsi cumi n'itanu (15) uwasabye agaruka kureba ko ibaruwa ye yemejwe | Ishami rishinzwe Ubuzima mu Karere | Kwandikira Guverineri w'Intara usaba guhabwa igisubizo |

| | | | | | |
|---|---|---|---|---|---|
| | | • Kuba afite icyemezo gitangwa n'Ikigo cy'Igihugu gishinzwe Ubushakashatsi mu by'Ubumenyi n'Ikoranabuhanga (IRST) cyemera ubwoko bw'ibyatsi buzakoreshwa.<br>• Kwerekana urutonde rw'ibimera n'ibihingwa bivamo imiti ya Gakondo bizakoreshwa.<br>• Icyemezo gitangwa n'Umudugudu, Akagari n'Umurenge by'aho yifuza gukorera.<br>• Kubigeza aho bakirira amabaruwa mu Karere | n'Umuyobozi w'Akarere hanyuma akayijyana muri Minisiteri ifite Ubuzima mu nshingano zayo akayishyira aho bakirira amabaruwa | | |
| 28. 20 | Gusaba uruhushya rwo gufungura iguriro ry'imiti, ibitaro, ivuriro ry'ibanze cyangwa laboratwari byigenga | • Ibaruwa ibisaba yandikiwe Minisitiri ufite Ubuzima mu nshingano ze inyujijwe ku Muyobozi w'Akarere igaragaza aho usaba yifuza gukorera igikorwa (Akarere, Umurenge n'Akagari)<br>• Impamyabushobozi ziriho umukono wa Noteri z'abifuza gufungura Iguriro ry'imiti, Ibitaro, Ivuriro ry'ibanze cyangwa Raboratwari<br>• Umwirondoro (CV).<br>• Kugaragaza icyemezo cy'uko wiyandikishije murugaga rw'abaganga cyangwa rw'abaforomo<br>• Icyemezo cy'ubucuri<br>• Gukorerwa igenzura n'ikipe technique y'Akarere. | Nyuma y'iminsi itarenze mirongo itandatu (60) uwasabye agaruka kureba ko ibaruwa ye yemejwe n'Umuyobozi w'Akarere hanyuma akayijyana muri Minisiteri ifite Ubuzima mu nshingano zayo akayishyira aho bakirira amabaruwa. | Ishami rishinzwe Ubuzima mu Karere | Kwandikira Guverineri w'Intara usaba guhabwa igisubizo |
| 29. | Guhabwa inkunga y'ingoboka itangwa na FARG | Iyi servisi ntisabwa, ahubwo abagenerwa bikorwa baba bazwi, iyo igihembwe gitangiye, amafaranga yoherezwa kuri Banki, umugenerwa bikorwa akazajya kuyafata bitewe n'igihe abishakiye | Iyo umuntu atibonye ku ilisiti abimenyesha ubuyobozi | Ishami ry'Akarere rishinzwe imibereho myiza y'abaturage | Kwandikira Umuyobozi w'Akarere usaba igisubizo |

| | | | | | |
|---|---|---|---|---|---|
| | | (agendera kuri gahunda ya Banki abitsamo)<br><br>• Kuba uri kurutonde rw'abahabwa Ingoboka, ni ukuvuga ko wemejwe n'inteko y'abacitse kw'icumu bafatanyijwe n'inzego z'Akarere n'iza FARG ku rwego rw'Igihugu.<br>Urutonde rwemejwe kuva ku tugari rwoherezwa kuri FARG, bigashyirwa muri mudasobwa, hagasohoka urutonde ngenderwaho rwoherezwa ku Karere, urwo nirwo Akarere gakoresha kohereza amafaranga ku mirenge, imirenge ikayashyira kuri compte z'abagenerwa bikorwa aho bajya kuyafata igihe babishakiye. | hanyuma agategereza ibarura ritaha. | | |
| 30. | Guhabwa icyemezo cy'umunyeshuri wemerewe gufashwa na FARG | Iyi servisi ntisabwa, ahubwo abagenerwa bikorwa baba bazwi, iyo umwaka utangiye, FARG yohereza ibyemezo bigahabwa benebyo | Iyo umuntu atibonye ku ilisiti abimenyesha ubuyobozi hanyuma agategereza ibarura ritaha. | Ishami ry'Akarere rishinzwe imibereho myiza y'abaturage | Kwandikira Umuyobozi w'Akarere usaba igisubizo |
| 31. | | Kugira ngo umuturage utishoboye abone inkunga y'Akarere agomba kuba ari mucyiciro cya mbere cyangwa icya kabiri cy'ubudehe<br>• Kuba yugarujwe n'ibibazo nko kurwaza bwaki n'ibindi…<br>• Abasheshe akanguhe, abapfakazi, ababana n'ubumuga, abasigajwe inyuma n'amateka batishoboye bari ku rutonde rw'abagomba gufashwa,<br>• Mu mpera za buri mwaka abagize Komite | Iyo umuntu atibonye ku ilisiti abimenyesha ubuyobozi hanyuma agategereza | Ishami ry'Akarere rishinzwe imibereho myiza y'abaturage | Kwandikira Umuyobozi w'Akarere usaba igisubizo |

| | | | | | |
|---|---|---|---|---|---|
| | | z'Imidugudu bakorana inama n'abaturage kugira ngo hakorwe urutonde rw'abakeneye gufashwa n'inkunga ikenewe kuri wese. Muri iyo nama niho hakorwa ijonjora ry'abasabye inkunga.<br>Hashingiwe ku nkunga ikenewe, uwasabye ashobora guhabwa, Urutonde ruhurizwa ku Kagari no ku Murenge hanyuma rukoherezwa ku Karere kugira ngo ibikenewe bishyirwe mu Ngengo y'Imari na gahunda y'ibikorwa by'umwaka ukurikiyeho. Mu ntangiriro y'umwaka ukurikiyeho, uwemerewe inkunga ajya kureba umukozi ushinzwe Ubuzima n'Imibereho Myiza y'Abaturage kugira ngo ahabwe inkunga yemerewe. | ibarura ritaha. | | |
| 32. | Inkunga itangwa n'akarere ku bahuye n'ihohoterwa rishingiye ku gitsina n'irikorerwa abana | Ufite ikibazo cyitabashije gucyemurwa n'Inzego z'Ibanze ashobora: Kugeza ikibazo cye ku buyobozi bw'Akarere cyangwa akandikira Umuyobozi w'Akarere ibaruwa isobanura imiterere y'ikibazo cye • Kuyishyikiriza Umukozi ushinzwe kwakira amabaruwa ku Karere. • Nyuma y'icyumweru uwatanze ikibazo agejeje ibaruwa ye ku Karere, ashobora kujyayo ku munsi wagenwe wo kumva ibibazo by'abaturage yitwaje n'ibimenyetso bigaragaza ko yarenganye • Bitewe n'imiterere y'ikibazo, Ubuyobozi bw'Akarere bushobora gusaba ko hakorwa iperereza kuri icyo kibazo. Hari igihe biba ngombwa ko Ubuyobozi bw'Akarere bwandikira Inzego z'Ibanze (Akagari n'Umurenge) butanga amabwiriza yafasha mu gucyemura ikibazo. | Icyumweru kimwe igihe ibirego byatanzwe mu buryo bw'inyandiko. | Ishami ry'Akarere rishinzwe imibereho myiza y'abaturage | Gushyikiriza ikibazo Umuyobozi w'Akarere Wungirije w'Imibereho Myiza. |
| 33. | Kwishyurirwa | • Kuba uri ku rutonde rw'abatishoboye rwemejwe | Nyuma | Ishami ry'Akarere | Kwandikira |

| | | | | | |
|---|---|---|---|---|---|
| | amafaranga y'ishuri | n'umurenge hashingiwe ku mabwiriza ya MIGEPROF.<br><br>Inkunga yo kwishyura amafaranga y'ishuri igenerwa abana batishoboye (OVC) bihariye batoranijwe ku bufatanye bw'abaturage na komite zihagarariye ibyiciro by'abatishoboye nka Forum z'abana, Urugaga rw'Ababana n'Ubwandu bwa VIH/SIDA, Abafite ubumuga, etc. Mu gihe uri muri kimwe mu byiciro by'abatishoboye nk'abasizwe iheruheru na jenoside yakorewe abatutsi muw'1994, abafite ubumuga, ababana n'ubwandu cyangwa basizwe iheruheru na VIH/SIDA, imfubyi zirera, umucyene utishoboye, kandi warashyizwe ku rutonde rw'abagomba guhabwa inkunga: • Ujya ku biro by'umurenge, ikibazo cyawe ukacyigeza ku mukozi ushinzwe abana batishoboye (OVC) • Akagufasha kwandika ibaruwa isaba inkunga mu gihe bibaye ngombwa. • Iyo baruwa yoherezwa ku Karere cyangwa ku baterankunga bitewe n'icyiciro kihariye urimo. • Iyo amafaranga abonetse, ibaruwa ibimenyesha igomba kugaragaza amazina y'uwemerewe inkunga, ishuri yigamo, umubare w'amafaranga yemerewe kandi agahabwa icyemezo cyerekana ko azishyurirwa koko. • Amafaranga yoherezwa ku Kigo cy'Ishuri umwana yigamo; Icyemezo cyerekana ko amafaranga yishyuwe kikohererezwa ikigo umunyeshuri yigaho.Abana batishoboye bashobora guhabwa ibikoresho n'imyenda y'ishuri. | y'ibyumweru bibiri iyo bisaba gutoranya bushya, nyuma y'iminsi itatu iyo usanzwe ku rutonde. | rishinzwe imibereho myiza y'abaturage | Umuyobozi w'Akarere usaba igisubizo |
| 34. | Inkunga itangwa n'akarere ku mashyirahamwe | • Ibaruwa ibisaba<br>• Inyandiko y'umushinga w'ibikenewe | Igihembwe kimwe (amezi atatu) | Ishami ry'Akarere rishinzwe Uburinganire | Kwandikira Umuyobozi w'Akarere usaba |

| | | | | | |
|---|---|---|---|---|---|
| | n'amakoperative y'abagore | Kugirango Amashyirahamwe n'amakoperative y'abagore anyuranye ashobore kubona inkunga y'Akarere agomba: • Kwandikira Umuyobozi w'Akarere ibaruwa isaba inkunga. Iyo baruwa igomba kugaragaza inkunga ikenewe ndetse n'uruhare rwabo • Komeka ku ibaruwa inyandiko y'umushinga w'ibikenewe. • Kunyuza ibaruwa isaba inkunga ku Munyamabanga Nshingwabikorwa w'Umurenge Ishyirahamwe rikoreramo kugira ngo abyemeze. • Nyuma y'icyumweru ujya ku Murenge gufata ya baruwa hamwe n'imigereka ukabishyikiriza ushinzwe kwakira amabaruwa ku Karere. • Nyuma y'igihembwe kimwe uba wahawe igisubizo n'Akarere. | | n'Iterambere ry'Umuryango | igisubizo |
| 35. | Gusaba akarere gufasha mu gutumira umushyitsi (umuyobozi/impuguke) wihariye mu nama z'abaturage ku Mashyirahame cyangwa imiryango itegamiye kuri Leta | • Ibaruwa ibisaba • Gahunda y'igikorwa Amashyirahamwe cyangwa imiryango itegamiye kuri Leta inyuranye ishaka gutumira abayobozi/impuguke mu nama cyangwa ibindi bikorwa byabo bagomba kubahiriza ibi bikurikira: • Kwandikira ibaruwa umuyobozi w'Akarere imumeneyesha intego y'igikorwa n'abantu yifuza gutumira; • Gushyikiriza ishami rishinzwe uburinganire ,iterambere ry'umuryango no kurengera abana kopi y'ibaruwa na gahunda iteganyijwe y'inama byibura ibyumweru bibiri (1) mbere y'inama; • Gushyikirizwa kopi y'ibaruwa itumira iyo Akarere kamaze kwandikira abo Ishyirahamwe ryasabwe ko batumirwa. | Ibyumweru bibiri (2) | Ishami ry'Akarere rishinzwe Uburinganire n'Iterambere ry'Umuryango | Iyo habonetse akarengane wiyambaza Umuyobozi w'Akarere Wungirije w'Imibereho myiza. |
| 36. | Gukemura impaka hagati y'abanyamuryango ba koperative | • Kwandikira Umuyobozi w'Akarere ibaruwa imenyesha ikibazo, impaka, amakimbirane cyangwa ubwumvikane bucye kandi isaba ko Akarere gafasha kubikemura • Umukozi ushinzwe | Ibyumweru bibiri (2) | Ishami ry'Akarere rishinzwe Amakoperative | Kwandikira Umuyobozi w'Akarere usaba igisubizo |

| | | | | | |
|---|---|---|---|---|---|
| | | amakoperative mu Karere akurikirana ikibazo agendeye ku mategeko agenga Koperative, agatumiza impande zirebwa n'ibibazo kugira ngo babisesengurire hamwe anabagire inama y'uburyo byacyemuka. • Mu gihe habayeho kutumvikana ku micyemurire y'ikibazo, uruhande rutishimiye imyanzuro rushyikiriza Polisi ikirego cyangwa inkiko zibifitiye ububasha, urugero nko mu gihe habayeho ruswa | | | |
